INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO

## *Imivugo*

2024

INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO

# IMIVUGO

2024

**© Inteko y'Umuco, 2024**

Gishyizwe ku mugaragaro bwa mbere mu 2024.

Uburenganzira bwose burakomye.

Umuntu wese uzandukura, uzafotora, uzakoresha ubundi buryo bwose bugamije gucuruza iki gitabo azahanwa n'itegeko rigenga umutungo bwite mu by'ubwenge.

**ISBN: 978-99977-0-501-3**

# ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE ........................................................ 1
TUNOZE NEZA URURIMI RWACU ................................. 3
TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO ....... 5
BUNGABUNGWA RURIMI RWACU ............................... 7
TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO ..... 10
TUGIHE IBYIMBO NI CYO KIRANGO ........................... 12
URURIMI RWACU ........................................................ 14
TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO ..... 16
TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO ..... 18
AGASEKE ..................................................................... 21
RUDASUMIRWA N'IMYAMBI ....................................... 23
TUNOZE URWACU RUHABE INGANJI ........................ 24
URURIMI INGOBYI Y'UMUCO ...................................... 26
INGOBYI IHETSE UMUCO NYARWANDA .................. 28
TUNOZE IKINYARWANDA INGOBYI Y'UMUCO ...... 30
ISIMBI RUDASUMBWA ................................................... 32
UMUSOZO ....................................................................... 34

# IJAMBO RY'IBANZE

Inteko y'Umuco inejejwe no kugeza ku basomyi agatabo gakubiyemo imivugo yahize indi mu marushanwa y'imivugo 2024, ikaba yarahanzwe n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro ku nsanganyamatsiko igira iti: "*Tunoze Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco*". Ni umusaruro w'amarushanwa bakoze mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire 2024.

Inteko y'Umuco yegeranyije imivugo 15 yahize iyindi kugira ngo isogongeze Abanyarwanda ku nganzo y'abato kandi ibahugurire kubafasha muri iyi nzira barimo yo gukuza impano zabo, no kuboneza ururimi rwabo mu mvugo. Uku guhimba imivugo biri mu buvanganzo nyemvugo bufite intego yo gukesha ururimi rw'Ikinyarwanda, kurukungahaza no kurutoza abayisoma.

Iyi mivugo 15 igaragariza umusomyi by'umwihariko urwego urubyiruko rw'u Rwanda ruriho mu gucengera Ikinyarwanda, ubuhanga bafite mu gukesha imvugo n'urukundo bafitiye ururimi rwabo kavukire muri rusange. Ni ikimenyesto gihamye cy'uko ururimi rufite ubukungu butagereranywa mu rwego rw'amagambo, imvugo iboneye ndetse n'umwanya mu buzima bwa muntu igihe akeneye gutarama no kuruhuka asoma cyangwa yumva basoma. Abanyeshuri bahize abandi muri iki cyiciro ni abo mu mashuri akurikira: FAWE Girls' School Gisozi (3), ES

Kabirizi (2), Mulindi TSS (2), EAV Kivumu TSS (1), ENDP Karubanda (1), GS Ruhundo (1), IPRC/TSS Bwishyura (1), GS Rebero TSS (1), Nyabihu TSS (1), Petit Séminaire Saint Vincent/Ndera (1) na Rusumo High School (1).

Inganzo abanyeshuri bagaragaje muri iyi mivugo irashimishije ku babona aka gatabo, igera ibwonko ku bagasoma; ni injyana inyura amatwi kandi igataha ku mutima ku bayumva. Abahimbye iyi mivugo bagaragaje ubuhanga bwo kwigiraho, ariko kandi bahugurira abazayisoma kuzirikana ubwiza bw'Ikinyarwanda, agaciro kacyo n'akamaro gifitiye abakivuga mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Inteko y'Umuco irashimira byimazeyo abanyeshuri bagaragaje ko urubyiruko rugifite Ikinyarwanda ku mutima kandi ko uburezi bahabwa butabibagiza ipfundo rihuje Abanyarwanda nubwo hari izindi ndimi mvamahanga biga bakanazigamo. Uyu mi umusanzu ukomeye mu kugisegasira no kugikesha mu mvugo no gusesekaza imbamutima zabo mu buryo bunyura amatwi. Guhimba imivugo myiza nk'iyi ikubiye muri aka gatabo ni urugero rwiza ku rungano no ku bandi bose, ruzabafasha na bo kugera ikirenge mu cyabo. Inteko y'Umuco ikaba ihugurira umusomyi gusomana amatsiko iyi mivugo yuje ikeshamvugo.

**Amb. MASOZERA Robert**

**Intebe y'Inteko y'Umuco**

# TUNOZE NEZA URURIMI RWACU

Mpanike mpange ngarure inganzo
Mvuge Ikinyarwanda nk'ururimi rwacu
Ndavuga gakondo y'umuco wacu
Tuvuge neza ururimi rwacu
Ni Ikinyarwanda cy'Abanyarwanda.

Ndavuga ibihe se ndeke ibihe?
Umuco ntugacike iwacu
Ntugacumbagire mu bacu
Ntukavangavangwe iwacu
Tuwusigasire ni wo musanzu.

Ndavuga ururimi rw'Abanyarwanda
Burya ni yo numva muvuga umwanda
Ngo ni ibyadutse hano I Rwanda
Ngo ni silenge badukanye bahimba
Birambabaza nkagira intimba.

Ndarira induru nkayiha urwamo
Nti ejo heza bari kuhica
Ese ibyo bibondo by'Abanyarwanda
Mugoreka ururimi biri kurwumva
Ntibizafata ibitari ngombwa.

Ko tuvuga neza indimi z'abandi
Twavuze neza Ikinyarwanda
Nk'umusizi usangiza abo nsanze
Ndasuhererwa nkanasongwa
Ese abadusebya twabasabira iki?

Nta jambo baba bakwiye
Nta ruvugiro baba bafite
Nta byicaro baba bakwiye
Abica ururimi bakabivanga
Bagata umwimerere rukwiye.

Erega ni rwo ngobyi iduhetse
Ni na rwo musingi wo kubakiraho
Turuvuge neza uko tubigomba
Dutoze abato ni twe bireba
Tuberekere ni twe bikwiye.

Burya iyo wishe ururimi rwawe
Ni ukwiyibagirwa rwose
Ni ukwambara ubusa hose
Ni ugusinda uzi ingaruka zabyo
Ni ukwiyobya uzi iyo uri kujya.

Ishema rya mbere ridukwiye
Ni ugushimangira Ikinyarwanda
Tugahagurukira abacyita umwanda
Ni ingenzi izira uburyarya
Ni uburemere bw'ishema ryacu.

Ururimi rwacu ni rwo ruduhuza
Ese ko murwica ari umuhuza
Muzahuzwa n'iki nk'Abanyarwanda?
Ko mwitera mwebwe ubwanyu
Muri gusandaguza iby'iwanyu.

Mfite amakenga azira uburyarya
Mfite intimba ikomeye cyane
Kuko mbona Ikinyarwanda gikendera
Kigashonga nk'isabune tureba
Duhuze imbaraga tukizahure.

Banyarwanada aho muri hose
Reka ibi mbabwira mubigire ibyanyu
Aho ujishe igisabo ntiwahatera ibuye
Ururimi rwacu ni nk'igisabo
Sigasira icyo gisabo kitabyara.

Ntugatakaze icyawe ureba
Ngo uhitemo kwifatira iby'abandi
Ndavuga ururimi rw'Abanyarwanda
Turusigasire ruzadusindagiza
Turwamamarize abandi bose.

Twigishe abaruvuga nabi
Ducyahe abigiza nkana bose
Tubakumire bazaca akenge
Bahe agaciro umuco w'iwacu
Ndavuga ingobyi iduhetse twese.

Inganzo inganza bikandenga
Iyo nsiga nsobanura Ikinyarwanda
Ndavuga gakondo y'umuco wacu
Ndavuga ingobyi iduhetse ku mugongo
Ikinyarwanda tugitoze abacu n'abandi.

Tugitaramane tukivuge imyato
Ndetse dutake igihugu cyacu
Icyatwibarutse tukavuka
Kikadutoza umuco mwiza
Ntikigasuzugurwe si byiza.

Reka dusigasire Ikinyarwanda
Ingobyi iduhetse ntigasaze
Umuco wacu ntugacike
Ubwenge bwacu tubukoreshe
Duteze imbere umuco wacu.

Reka nsubukire aha ngaha
Ariko kandi ndanagushima
Wowe muco wacu uduha uyu mwanya
Ngo tugane inganzo iduha kuganza
Abavuga nabi Ikinyarwanda.

Mbaraze Imana murakaramba
Murakagwiza ibyiza byose
Tunoze neza Ikinyarwanda
Ingobyi y'umuco iduhetse
Ntigasaze murakaramba.

***DUKUNDWANIMANA***
***Providence***

# TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y’UMUCO

Mumpe umwanya mpange nganze
Mumpe umwanya nkoranye abahanga,
Nkore mu nganzo ntake Ikinyarwanda
Nsubire kwa Gihanga mpunge iby’amahanga.
Mparambe iyo ngobyi ihekeye u Rwanda.

Mpangane n’abayisebya bya nkana
Mbatere urushinge rwuje ubukana,
Mbasobanurire umuhuza udahangarwa
Kuva ku bakambwe n’abakambakamba,
Abangavu n’ingimbi zikibyiruka.

Nterwa intimba n’abatwangiriza
Bakavuga amafuti bashize amanga.
Umuco bakawica bakawugira ico.
Umuco wacu bawushyira ku cyavu,
Inkingi yawo ikabura agaciro.

Kera isoko yari Gihanga
Kera Ikinyarwanda cyari igihango,
Kera u Rwanda ari ikirango.
Kuki iby’amahanga byatuzitiye
Bikaba byaramize Ikinyarwanda?

Ngo uri umusirimu uvuye ibwotamasimbi
Ukavanga ibitagomba kuvangwa
Ugahuza ibitagomba guhuzwa
Ukica Ikinyarwanda ngo ni ibisanzwe,
Ukadusonga ukatwuzuza imisaka!

Nkundira untege amatwi tuganire,
Impore na basi sori
Bonjuru na mwaramutse
Merisi na murakoze
Siyu na muramuke.

Gusheyaringa no gusangira
Kwenjoyinga no kuryoherwa,
Guhitinga no kwamamara
Gusoluvinga no gukemura
Gusendinga no kohereza.

Umbwire ikiza cyuje uburyohe
Kivugitse neza kurusha ikindi
Twumva twese ntawuhejwe.
Bitwizihira twese mu ngeri zose
Ko kuba umusirimu atari

ukwisenya!
Ururimi rwacu ko ari ishema
ryacu
Rukaba impuzankano hano iwacu
Rukanatubera inshungu mu
gicuku,
Rukaduhuriza iwacu mu gihugu
Tugatarama tugashira irungu.

Twamagane abanyamisaka
dushikamye
Basenya urwacu barusiga icyasha,
Turusigasire twese twigengesereye
Tururinde imisaka twabibasha
Ingobyi yacu ikomeze ibe
iy'igitinyiro.

Umutaka wacu urindwe amatiku
Intaho yacu tuyirinde ubwangwe
Mu kirambi iwacu tuhabe gitwari.
Gira inka n'amashyo nk'intore
Dukeburane, tugabe, tugabirane.

Ibibondo bitozwe bikiri imitavu
Iyo mu mashuri ntituhatangwe,
Mu birori byacu rube umusangwa
Ruhore mu misango ruri ku isonga
Rwinikize, ruhumuze ibitaramo.

Abakwe n'abakazana barwitere
Abashyitsi n'abasangwa
rubasanganire
Mu rubyiruko rw'ubu turugire
umuco,
N'abo banyamakuru b'abahanga
Bahangamure izo ndimi
z'amahanga.

Urwa Gihanga ruratirwe
amahanga
Ni rwo soko idusangiza
ubusabane
Nirusabagirane ishema ruhore
rwanda
Ubumwe bwacu buhore i
Rwanda.
Umutako wacu utubere Imana.

Muze duhirwe no kurusangira
Turushinge izi nyangamugayo
Turwanye duhana
inkundamugayo
Tubatoze guhinduka abagabo
Ikinyarwanda gihore ku isonga.

Jya mu nganzo utake
Ikinyarwanda
Koresha imvugo urate
Ikinyarwanda
Hanga imivugo urinde
Ikinyarwanda
Ukivuge neza kuko ni akamazi
Ni ikirezi cyamye kikaba ingenzi.

Ukivuge ibigwi gihamye ibirindiro
Ugihere i Gasabo ukirenze inkiko

Ugihe umwanya ukirinde guhunikira
Kireke kiganze wirinde gutandukira
Cyagagaze iteka gihore cyamamara.

Mucyo dufate neza iyi sano iduhuza
Mucyo turate ibyiza ingobyi iduhetse
Mucyo duheshe ishema ishusho ituranga
Mucyo turage abacu umurage ubakwiye
Tunoze Ikinyarwanda ingobyi y'umuco.

Umwanzi w'ibyiza ni igihe
Munyemerere nanzure none
Nsubitse ntashiriwe nange
Nzasubukura inganzo iganze
Ingobyi y'umuco isagambe.

Yari umusizi usiga asusurutsa abo asanze aharanira gusakaza Ikinyarwanda, utewe ishema no kwitwa Umunyarwanda,

***HATEGEKIMANA Yves.***

# BUNGABUNGWA RURIMI RWACU

Mureke nshime mureke ndate
Mureke nsingize urwambyaye
Ni rwo rwatumye njya iyi nganzo,
Nduvuge imyato mbabwire ibyarwo
Rumwe ruduhuza rw'Ikinyarwanda.

Ariko shenge nge ndarukunda
Iyo ngobyi ihetse umuco w'iwacu
Rukaba igicumbi cy'Abanyarwanda.
Rukaba rutaha mu rugo iwacu
Rukaba isano iduha agaciro.

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Uko wumva abarukoresha
Iyo barucungiye ako gaciro
Bakarukoresha rutunganye
Ntiwumva u Rwanda rugana aheza?

Nyamara disi iyo mbona ibyarwo
Uko rwari rwiza ruzira icyasha
Rugatuma twese tugira ijambo,
Ku ntebe twahawe na Nyirijambo
None ruranzwe ruzira urwaho!

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Reba imivugo urebe imigani,
Reba ibisigo urebe ibihozo
Reba indirimbo n'imbyino shenge
Ibaze bikendereye ibyo byose!

Ibihozo byiza bihoza abageni
Bimwe byahariwe abo bari
Bahogoza ngo bahoze ab'iwacu
Bati: “Shenge sibira rimwe ugende”.
Ni nde uzasigara abihanga?

Iyo turebye amazina y'inka
Iya Rumonyi, iya Musoni n'ayandi,
Ubwo abatahira bayatubwira
Ibirori byacu bikaba byiza
Ese azasigara avugwa na nde?

Yebaba mawe umukoroni araza
Aza azanye indimi zo mu mahanga
Amashuri araza tuba turize
Ariko disi zisiba urwacu
Ubwo twibagirwa iyo twavuye.

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Ko twabibonye tugata ibyacu
Aho ntituzaba nka wa wundi
Umwe wibonera isha itamba
Agata n'urwo yari yambaye?

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Nk'aba ubona babikunze,
Nk'abadakunda uru rubakunda
Aho ntibatumye urwacu ruhanda
Bakarutera kureka kwanda?
Cyo mbwira wowe mubyeyi
Ko mbona bahindana n'ibihinda
Bakaba bagenda basahinda
Bikaba bintera aka gahinda,
Ntibigushengura wowe mawe!

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Ko mbona nta muto ukirukunze
Uravuga imbehe ati: “Sinyizi!”
Wavuga icyansi ati: “Uvuze iki kandi?”
Igisabo, umuheto bikaba nk'uko!

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Ko mbona inkumi n'abasore bacu
Nkabona abana ndetse n'abandi
Abagakwiye kuruha umwanya
Ari bo babyita guta agaciro!

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Ubu abazaza bazaba aba nde
Abo dusize bagana hehe
Ko mbona twese ubwo tubihunze
Kandi ururimi ruducika?

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Abakurambere bamwe bacu
Bamwe basize baruhanze
Babonye izi zirusibanga
Mama intimba ntiyabica!

Cyo mbwira wowe mubyeyi
Ubu uwasubiza iya Gihanga
Waduhangiye ubwo buhanga

Agahanga n'umuco wacu
Ubwo ntiyahashya aka
gahinda?

Bana mubyiruka ubu nkange
Nimwihatire kumenya urwacu
Ntimwirengagize n'izo zindi
Kuko zituzanira amahaho
Ariko urwacu ruhake zose!

Erega si ukurukabya cyane
Ni yo nkingi ikomeye cyane
Ingobyi ihetse umuco
nyarwanda.
Tukaba tuzwi aho turi hose
Rukaba igicumbi cy'umuco
wacu.

Ariko disi nimurukunde
Ni rwo rwatumye ngana
inganzo
Rutuma mpangana ubu
buhanga
Ngo nibikunda mpamye
Gihanga
Ngo urwo yahanze rudapfa
ndeba!

Mureke nshumbikire aha
inganzo
Ariko nzagaruka nsubire
Mpamye urutubumbiye ako
gaciro.
Turunoze twese turukoresha
Aho tugeze hose baruhe
ijambo.

Yari umusizi ukomeje inganzo, uwo Imana yagennye ikamuha ijambo:

***IGENO Bénie Louange***

# TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO

Ngize ngo nikore nyaruke
Biranga inganzo iranziga
Nti «ahubwo ibanze ryo kuva aha
Ni akabando mbageneye
Ari ryo bango mbagabiye».

Ntore, nganji, mfura nzima
Abato, ingimbi n'abakuze,
Mutege yombi mbabarire
Mbahe akabando mbageneye,
Ari ryo bango rikomeye.

Tumenye isano dusobetse
Ko ifite isoko mpamo-muzi
Ari ryo pfundo ridufashe
Rikaduhuza tukaba umwe,
Nako kamwenyu kakaduhama.

Ubumwe bwacu bukomeye
Umuco mwiza udacabaye
Kuvuga nkumvwa ngasubizwa
Ibyo mbikesha iyi turufu
Ikinyarwanda kiboneye.

Tunoze neza ibyo tuvuga
Ikinyarwanda gikenetse,
Ikeshamvugo riboneye,
No mu byo twandika tunoze,
Bityo dusangire ibinoze.

Nshavura cyane bitavugwa
Iyo ndusanze urubyiruko
Ruvuga ya mvugo ifutamye.
'Mani', 'nago' na 'ndagaswi'
'Maniga', 'wangu', 'agatigito'.

Cyo se mugenzi unteze amatwi
Ko imvugo yawe uyififika
Ikinyarwanda ugicurika
Uko ubishaka ukigira uko
Wumva uzabihereza he?

Ikinyarwanda ukinogeje
Mu mikoreshereze-mvugo
Ndetse no mu nyandiko ukora
Ni nde waguha ibihano?
Cyangwa waba usebetse he?

Ikinyarwanda tukinoze
Duhe impanuro abo tubona
Bagikoresha bigayitse
Nyamara biyibagiza ko
Ari cyo zingiro ry'umuco.

Wowe ukosorwa aho ukosheje
Baguha inama ukarubira
Ngo burya icya mbere iyo uvuga
Ni ugutanga ubwo butumwa
Sigaho kwiyibagiza.

Imvugo yawe iyo itanoze
N'icyo utangaho ubutumwa

Burya gicikamo umucuba
Aho gutora ikigamijwe,
Nyiri ukubwirwa akazimira

Bigasa n'aho ukoze ubusa.
Ibaze kumva nyamusore
Hamwe n'abandi arateruye
Ngo «nta kantu ariho» koko
Ubwo ababwiye ngo arakennye.

Ubundi niba ubwo anankennye
Agize ihirwe akagobokwa
Maze ubwo akantu akakabona
Ubundi kamumarira iki?
Yabuze ikintu gifatika?

Ubundi ukumva ngo 'arayoka'
Ejo ejobundi ngo 'arashona'
Nibucya wumve arateruye
Ngo 'niga zange ndabatamo'.
Koko?

Ese iyo umusaza akwiyamye
Ngo umenye icyubahiro afite
Ureke kwirirwa uvuga viye
(*vieux*)
Mukuru wawe ngo ni buro
(*brother*)
Inshuti yawe yo ngo ni Ji
(*colleague*)
Nk'ubwo wumva uba udasebye?
Ngo kujya ahantu utejemo
Intambwe ndende ibe imikuku
Ku wo wakunze urapofotse
Iyo mvugo rwose iragana he?

Ngaho ubonye ako gatama
Ngo ageze horo ari mu bicu
Na we uwakereye ibirori
Ngo ari ku cyangwe, ari ku mico
Iyo mvugo rwose ni nyabaki?

Nimucyo twese, mfura nzima
Tube ab'intore ziserutse
Ikinyarwanda tukinoze,
Ingobyi ikindikije umuco
Tuyihe icyubahiro gisa.

Mbasabye neruye nkomeje
Inyandiko zacu tuzinoze
Imvugo yuje umuco ihame
Igihe n'aho tuvugira
Bitube iteka mu mitima.

***IHOZO Irène***

# TUGIHE IBYIMBO NI CYO KIRANGO

Ngizi impundu zuje inganzo
Ngiyi intero nkesha Jambo
Ntwaye impamba inteje intambwe,
Ntoye injyana injyanye impinga
Ikinyarwanda tugihe ibyimbo.

Ndaje nkeze Ruremabintu
Iya Gihanga ihanga abantu
Ikaba Imana duca uru Rwanda,
N'umuco mwiza urandaranda
N'Ikinyarwanda cyo kiduhuza.

Imyaka myinshi nk'Abanyarwanda
Ikinyarwanda kiraturanga
Kikaducagura mu mahanga
Uko gihetse umuco gakondo
Ni ko kitwunga nk'Abanyarwanda.

Na mbere y'uko umwera atura
Kera umwami ari we batura
Inganzo yose imuvuga imyato,
Mu muco ucinyiye wuje icyanga
Ikinyarwanda kikaba icyungo.

Waba i Shangi cyangwa i Kansi
Wajya Nkombo cyangwa i Nkumba
Aho i Murambi ugana i Muramba
Ikinyarwanda kirahaganje
Murage mwiza ni wo uduhuje.

Erega maye si ibisanzwe
Bene Imana buje ihirwe
Ikinyarwanda ni amahirwe
Ko kibahuza boshye ari umwe
Bakajya inama ntawutumvwa.

Intimba inteye kuza mpimba
Nkaza impinga nta gutinda
Mu ijwi ryiza nta we mpinda
Ntewe inkeke n'iyi mpamba
Ikinyarwanda kiri kugimba!

Ngaho mbwira yewe ngimbi
Nagusanze nawe mwari
Umurage mwiza ko uwutobanze
Ngo: " Birasanzwe ntabirenze
N'Ikinyarwanda singikunze!"

Ukakivangira indimi nyinshi
Nyinshi nawe utazi ubwinshi
Ngo: "Ikinyarwanda nta buryohe"
Ukazivanga ntizinahwane
Ukazigwiza ntizinahuze!

Ukava ibwana ugasiga ibyahi
Ukaba ukandagiye amashuri
Indimi nyinshi ukabamo intyoza
Ukazitora ukaba umutoza
Ikinyarwanda ukagitokoza.

Si ukurwanya indimi z'amahanga
Si ukuveba abaziha umwanya
Ni ugukunda ibi biduhanga
Ni ukurwana ku bituranga
Ni ukurwanya abo babimunga.

Niba wize ukaba umuhanga
Ukaba intyoza no mu ruzungu
Kurudidibuza bya gihanga,
Nibiguhangire ayo maronko
Ikinyarwanda kibe ikirango.

Ngiyi impamvu impaye inganzo
Impaye kandi n'iyi ngingo
N'iyi ntero yuje intego
Ikinyarwanda gihe umurongo
Hato ejobundi kitaba itongo.

Ngaho twunze imbaraga twese
Nk'Abanyarwanda ntawuhejwe
Nitube intore zo ku ruhembe
Ikinyarwanda ntikigasumbwe
Nigisagambe tugihe ibyimbo.

Niba wandika Ikinyarwanda
Cyangwa wandikira rubanda,
Kandi wandika kinyamwuga
Ya mabwiriza arakugenge
N'ibyo utanga bizire inenge.

Reka imisango y'ubukwe bwose
Ababucyuza n'ababutaha
Ikinyarwanda bagihe umwanya
Bagihe icyanga bishyire kera
Maze bakeshe bageze n'ejo.

Mwe baririmbyi n'abacuranzi
Dore rubanda rubaha yombi
Ni mwe mutahiwe mu mugambi
Ngo Ikinyarwanda kibone ibyimbo
Nimugikeshe bibe umusanzu.

Ibya Mirenge waba ubitse
Ubwenge bwose waba utunze
Inzego zose waba ushinzwe,
Twese intero ibe iya rusange
Ikinyarwanda kibe gitoshye.

Nsoje nkurata Rwanda mvuka
Tunga byinshi ndetse unahirwe
Ramba wande n'umuco wawe
Ikinyarwanda kinyure abawe
Tugihe ibyimbo ni cyo kirango.

Yari umusizi uganje ingamba,
nyiri inganzo izira kugimba:

***IRAKOZE Keza Fiona***

## URURIMI RWACU

Mumpe umwanya ngane inganzo
Ntarame ntambe inganzo yange
Nganze ngane ijambo ryiza
Ngane inganzo yange ntayigera
Ntarame mu Kinyarwanda ntinde.

Ngarutse ngorora iby'iyi nganzo
Ngaruke ku ijambo "Ikinyarwanda"
Ikinyarwanda cyacu Abanyarwanda
Nkive imuzi nkirinde umwanda
Kiduhuze twese gihore cyanda.

Nsize nsanga insinzi nyarwanda
Nserutse nsingiza ururimi rwacu
Rwo muhuza w'Abanyarwanda
Rukaba isoko y'ubwumvane bwacu
Rukadusangiza isano mu Rwanda.

Nzanye ibihamya bizira ibihuha
Nzanye ibihangano bitari amahomvu
Ndasiga ibi kuko mfite impamvu
Tudaca umuco wacu ugacika
Tugacikamo ibice ku bwacu.

Sinca kure ndaca aha hafi
Ndahamya ubwiza bw'Ikinyarwanda
Kwa Kanyarwanda twe ntiduterwa
Ngo tuvuge iby'abandi tureke ibyacu
Kuko dukunda ururimi rwacu.

Ikinyarwanda gifite intero n'inyikirizo
Kifitemo ubuhanga bwa Gihanga
Kibitse igihango kidahangurwa
Kikaba ingobyi ihetse umuco nyarwanda
Kikaba ururimi rw'Abanyarwanda.

Nkubise akajisho iyo mu mabanga
Mu bisiza n'imisozi myiza irutatse
Mbona muganira muhuje urugwiro
Musangira mudasahinda
Mu busane bwa kinyarwanda.

Imvugo nziza z'Ikinyarwanda
Ururimi rwiza rw'Ikinyarwanda
Umuco mwiza w'Abanyarwanda
Igihugu kiza ni uru Rwanda
Ibyiza by'iwacu biba mu Kinyarwanda.

Ikeshamvugo ryiza riratunyura
Imisango myiza ikaturyohera
Mu rurimi rwiza dusangira ijambo

Umugeni agatangwa tugatanga inkwano
Urugori rugategwa rukaba impano.

Dusuhuzanya twifurizanya amashyo
Gira inka zirenga amagana
Gira abana, hungu na kobwa
Gira amata ahora ku ruhimbi
Umunezero ugasakara mu Banyarwanda.

Abatarama bataramana ibyivugo
Mu bigwi byiza n'ibirindiro
Amazina y'inka n'amahamba yazo
Ibisakuzo, imigani n'ibisingizo
Tugahimba duhimbawe mu bisigo.

None amaniga atwimye amahwemo
Abajama batuvanye mu bitaramo
Ngicyo ikirori kitubujije ibirori
Ababebi basimbuye abangavu
Abaviye basimbuye abakambwe.

None ubwo mpawe umwanya uyu
Nemere bipfe mbireba uko ngana uku!
Kirazira ko hari uwasenya ndeba,
Simfana ugoreka Ikinyarwanda
Mfana cyane ugorora Ikinyarwanda.

Ntugende yisimbuze sugende
Ntararya iheze natararya
Ibisobanuro bicyahe ubusobanuro
Ntubimbwire itsinde subimbwire
Umubyeyi w'iwe asimbure umubyeyi we.

Duhorana ijabo ndetse n'ijambo
Kuko dufite umuhuza uduhuza
Ururimi rwiza twatojwe
Ururimi rwiza twatoye
Ururimi rwacu ntirukazime.

Turwanye abashaka kurwanduza
Tubacyahe babure icyuho
Tubime icyanzu bahore ku cyavu
Iz'amahanga ntizituganze
Ikinyarwanda cyacu nikiganze.

Ururimi rwacu turukomereho
Ni rwo ngobyi y'umuco wacu
Turwigishe abadukomokaho
Ikeshamvugo ribacengere
Ikinyarwanda cyande hose.

Ntabe ari nge wica Ikinyarwanda
Ntabe ari wowe uvangira Ikinyarwanda
Ntabe ari twe tugoreka Ikinyarwanda
Dufatane urunana uko tungana

Dufatanye gusigasira
Ikinyarwanda.

Ndabona umunsi usumira uw'ejo
Nsubitse inganzo ntavuze byose
Kugumana namwe byari
ibyishimo
Nsubitse inganzo nsaba
umusanzu
Twese dukunde Ikinyarwanda.

Yari umusizikazi ugera ikirenge mu cy'abamubanjirije mu gusigasira ururimi rw'Ikinyarwanda,

*IRAKOZE Benitha.*

## TUNOZE IKINYARWANDA, INGOBYI Y'UMUCO

Tunoze neza ururimi rwacu
Ikinyarwanda kivugwe neza
Kuko ariyo ngobyi y' umuco
wacu
Niyo iwuhetse mubihe byose
Tuyisigasire umuco udacika.

Ururimi rwacu rw' Ikinyarwanda
Nge ndarukunda bitangaje
Mbabazwa cyane n' abarupfobya
Bakaruvuga banaruvanga
Burya bivanaho umuco wacu.

Nimuze tunoze Ikinyarwanda
Tuvuge neza ururimi rwacu
Iz'amahanga ntizidutware
Ngo zitwibagize umuco w' iwacu
Mu Rwanda rwacu rwa Gasabo.

Dore rubyiruko nge mbahanure
Muriga neza mukaminuza
Amasiyansi mukayasoza
Ikoranabuhanga ntawe ubahiga
N' Ikinyarwanda ntimugitangwe.

Ntimugitagaguze uko mwumva
Kuko gihetse umuco nyarwanda ,
Umuco twonkejwe n' ababyeyi
Bakaducutsa batawuciye
Nimuce ukubiri n' icyatuma
ucuya.

Mu rurimi rwacu
rw'Ikinyarwanda
Ni ho dusanga imisango myiza
Ibisigo by' ikobyo n'impakanizi
Tutibagiwe n'iby' ibyanzu
Ibyivugo ndetse n' amazina
y'inka.

Ibihozo byiza byuje ubwuzu
Imivugo isobetse ubuvanganzo

Imbyino zizihira abataramyi
Imbwirwaruhame izi dukunda
Nibyo biranga umuco nyarwanda.

Mu Kinyarwanda twiga byinshi
Izo nkuru dusoma ntakidusoba
Imigani myinshi yuje ubwenge,
Hari ibisakuzo n' uturingushyo
Uzabisanga mumuco wacu.

Tunoze neza ururimi rwacu
Nirwo ruhetse umuco w' iwacu
Nirwo rubumbatiye impanuro
Rurinze kandi umurage mwiza
Twese tuzi nka "Ndi Umunyarwanda".

Abanyarwanda aho turi hose
Tunoze neza ururimi rwacu
N' iyo twajya no mumahanga
Turwitwaze rube nk'impamba
Kuko arirwo ngobyi y' umuco wacu.

Hari ibyateye nge ntanakunda
Byo kutuvangira Ikinyarwanda
Mbibona cyane iyo mu rubyiruko
Ngo rurahanga rwandika izina
Nyamara ruhabanya n' Ikinyarwanda!

Uko guhanga mujya guhaha
Simbahabuye ngo bihagarare
Ndabaha inama isumba izindi.
Duhange tunoza Ikinyarwanda
Kuko ariyo ngobyi y' umuco wacu.

Ikinyarwanda tugihe umwanya
Abakuru n' abato twigiraneho
Impande zose z'urwa Gasabo
Dufate ingamba turinde iyo ngobyi
Itaducika tugacemererwa

Tunoze I Kinyarwanda ururimi rwacu
Tugane amashuri twige neza
Ari ay' inshuke, ~~ari n'~~ abanza,
Ayisumbuye na kaminuza
Ikinyarwanda kibe umusingi.

Hari amasomero ku mashuri
Hari n' ayandi aba aho dutuye
Gusoma neza tubigire umuco
Dukunde cyane ururimi rwacu
Umuco wacu uhorane agaciro.

Tunoze neza ururimi rwacu
Abarugoreka tubakosore
Tumenye ko ariyo ngobyi y' umuco
Rukaba igicumbi cy' ubumwe bwacu
Ni na yo funi ibagara ubucuti.

Ikinyarwanda ururimi rwacu
Ni ubukungu bw' Abanyarwanda
Ni umuhuza ni n' umurunga
Uhuje bene kanyarwanda
Reka turwanye icyawumunga.

Ikinyarwanda ururimi rwacu
Ni intwaro idufasha cyane
Iyo duhanganye n' abanyamahanga
Iyo mu ruhando rw' iterambere
Tuvuga ibyacu bagaca hirya.

Ubumwe bwacu nk' Abanyarwanda
Indangagaciro na kirazira
Ari n' iterambere mureba
Tubikesha ururimi rwacu
Ikinyarwanda ingobyi y' umuco.

Nimuhaguruke banyarwanda
Tumenye neza ururimi rwacu
Tunoze imivugire n'imyandikire
Mu rurimi rwacu rw'Ikinyarwanda
Maze umuco wacu usugire i Rwanda!

*KAMIKAZI GANZA Carine*

# TUNOZE Ikinyarwanda, INGOBYI Y'UMUCO

Nteruye inganzo nk'Umunyarwanda,
Nteye intambwe igana ubutwari,
Dore nje nemye meze nk'inganji,
Ije gukangurira Abanyarwada,
Kunoza ururimi rw'Ikinyarwanda.

Ikinyarwanda ururimi rwacu,
Ni rwo dukesha ubwumvane nyabwo,
Umushyikirano ubwo ukaba wose,
Rukaba n'ingobyi y'umuco wacu,
Ari wo uturanga aho turi hose.

Bene u Rwanda ruraduhuza,
Ruraduhuza ntirudutanya,
Runatubera indangamuntu,
Iranga u Rwanda n'abarutuye,
Rukanaba itara ribamurikira.

Ni byo dukwiye kurukoresha,
Kurukoresha tutaruvanze,
Tutaruvangavanze rwose,
Dore ko ab'ubu bo batabyumva,
Ngo ibyo ntibigezweho mu isi y'ubu.

Umuntu aravuga bikakuyobera,
Kandi yiyita Umunyarwanda,

Umunyarwnda utazi ururimi,
Umunyarwanda utanoza ururimi,
Rwo ngobyi ihetse umuco w'u Rwanda!

Kinyarwanda ubu warahindutse,
Dore ubu ntabwo yabaye nago,
Ntubizi yabaye suzi,
Ngo n'imyambaro n'ibyangwe,
Kinyarwanda ubu warahindutse.

Ngaho Data yabaye Dady,
Ngaho Mama yabaye Momy,
Ntakibazo ubu ni ntaribi,
Kwishimisha ni ukuryoshya,
N'uvuze ukuri ngo ni idage.

Ubu rero hari ibyadutse,
Cyane cyane mu rubyiruko,
Ikinyarwanda barakivanze,
Baragisobetse bimwe bikabije,
Aho kukinoza nk'Abanyarwanda.

Bivugira ibya mvahe na njyahe,
Ndetse n'uvuze ibizima rwose,
Bakamuhaza inkwenene,
Aho kumubonamo intangarugero,
Bakanyurwa n'ibihindugembe.

Dore ubu ntawe ukivuga ijambo,
Atavanzemo rimwe ry'amahanga,
Kugira ngo agendane na Viziyo,
Nk'aho ururimi rwe Kavukire,
Rwamukoza isoni mu bandi.

Nyamara akiyibagiza y'uko,
Urwamukujije rukamukomeza,
Akwiye kurunoza uko bikwiye,
Akaruha icyubahiro arugomba,
Akirinda kurukerensa.

Ururimi ni indangamuco rwema,
Akaba ari yo mpamvu ikwiye kwitwa,
Ingobyi ihetse umuco w'u Rwanda,
Umurage mwiza uduhesha ishema,
Tugomba guhora tubumbatiye.

Kinyarwanda ingobyi y'umuco,
Uraduhuza tugasusuruka,
Tukaba agati k'inkubirane,
Maze n'umuco dusangiye,
Ukaturanga ntankomyi.

Kinyarwanda rurimi rwacu,
Ukwiye kunozwa n'abakuvuga,
Uretse ko intiti zo zitabyumva,

Zikiyomeka ku z'amahanga,
Zikihakana ibiziha shinge.

Mbe Munyarwanda aho uri hose,
Kunda kandi ushishikarire,
Kuvuga no kunoza Ikinyarwanda,
Ururimi rwawe rwagukujije,
Rukagufureba nka nyoko ukonsa.

Umuco dusangiye uraturanga,
Ingobyi iwuhetse tukayikuriramo,
Ikaduheka kugeza dukuze,
Iryo rikaba ipfundo rihuza byombi,
Maze bikatugira Abanyarwanda.

Yemwe bene Kanyarwanda,
Mwe dusangiye umuco w'u Rwanda,
Twimakaze ururimi rwacu,
Ibyagezweho tubisigasire,
Dusome,twandike Ikinyarwanda.

Ndashimira Leta y'u Rwanda,
Yo yadushyiriyeho iyi gahunda,
Yo kunoza ururimi Kavukire,
Kugira ngo izindi z'amahanga,
Zitavaho ziruyongobeza.

Burya ngo kwiga ni uguhozaho,
Gusa guhozaho bisaba umwete,
Ni yo mpamvu dushishikarizwa,
Gukomera ku rurimi rwacu,
Aho kuruburizamo by'ubugwari.

Nimucyo rero dukorere hamwe,
Twimakaze ururimi rwacu,
Turunoze mu mvugo no mu nyandiko,
Koko ni rwo ngobyi y'umuco wacu,
Umuco uturanga twe nk'Abanyarwanda.

***MIZERO Fabrice***

# AGASEKE

Nsezeye iby'ubutati
Naje mfite umuhati
Niganya iby'ubutoto
Uboshye abasiga indoto
Ndaje nzanye impanuro.

Twimakaze igikwiye
Twimike umuco ukeye
Twubahe ingobyi yawo
Twubahe Ikinyarwanda
Twoye kugikenesha.

Niba tuganira
Twubahe imvugo ikwiye
Twubahe abo tubwira
Twisobanya bagenzi
Nuko tubone twumvwe.

Mu nyandiko tujore
Ya mategeko yose
Agenga inyandiko nziza
Nitwige kuyakoresha
Dutange ibinoze rwose,

Twange ibyo byo gushyoma
Twihina ibidakwiye
Twuzuze ayo magambo
Mu mvugo tube intyoza,
Mu nyandiko tuganze.

Kandi si nge bireba
Cyangwa umwe undi w'ahandi
Twese biratureba
Twubahe Ikinyarwanda
Twoye kugikerensa.

Niba uri umubyeyi
Toza ubwo bura bwawe
Kunoza Ikinyarwanda
Uzaba ukoze igikwiye
Uzaba inganizi kandi

Mwarimu ku ishuri
Toza abakiri bato
Kunoza Ikinyarwanda,
Uzaba ukoze igikwiye.
Ubwubatse Ubunyarwanda

Mu matorero iwacu,
Insengero n'amadini
Nitwubahe Ikinyarwanda
Tugikoreshe bikwiye
Tuzaba inganizi rwose

Na bwa butumwa butangwa
Buzaba buzira inenge
Buzumvwa ibi bitajorwa
Ubwumva anyurwe abutore
Atunge umugisha mwinshi.

Bataramakuru bacu
Nimwubahe Ikinyarwanda
Mucagure imvugo ikwiye
Mu kwandika mube intyoza
Mutange ibinoze rwose

Bayobozi, ntore nziza
Nimwubahe Ikinyarwanda
Bwa butumwa mutanga
Mubufurebe imvugo ikwiye
Butangwe buzira inenge

Inyandiko zimenyesha
Iziburira, izihanura
Cyangwa izo mu nkiko
Izibuza n'izijijura
Zose nimuzijore

Muzaba inganizi rwose.
Bagenzi mfura z'i Rwanda
Abazi gusoma twese
N'abo bake batabizi
Nitwubahe umuco wacu

Dukunde ingobyi iwuhetse
Ururimi rw'Ikinyarwanda
Turwubahe ubudatuza
Za kirazira zose
N'indangagaciro

Tubisangire Kinyarwanda.
Twubake ubumwe bwacu
Tube inyangamugayo
Kwihesha agaciro
Tubisangire Kinyarwanda

Kubaha umuco wacu
Gukunda no gukoresha
No kubaha Ikinyarwanda
Kuri twese nibibe intego
Tuzakomeze tuganze.

*Murekaze Nadine*

## RUDASUMIRWA N'IMYAMBI

Mumbise nkore mu nganzo,
Mvuge kandi nshimangire
Noze kandi nogereze,
Umuco wo kunoza ururimi
Ikinyarwanda cy'Abanyarwanda.

Reka nkurate urabikwiye!
Nkuvuge neza uri byose
Rurimi rwacu uri rudasumbwa,
Uri ingenzi mu Banyarwanda
Uraduhuza tukaba ipfundo.

Uradupfundikanya ubudatana
Ukatugira indatwa iyo mu
mahanga
Umuco wacu ukaba umwe rwose
Ukaba ingobyi iduhetse twese
Ukatugabira ahazaza heza.

Agahugu katagira umuco
Kaba nk'iriba ritagira amazi
Kaba nk'ikirere cyuje umwijima
Kaba nk'umugabo utagira
amashami
Kaba nk'uruhongore rutagira
inyana.

Turorere izo ndimi
z'Abanyamahane,
Narinshitswe z'Abanyamahano,
Mu nyihanganire
z'Abanyamahanga.
Twimakaze Ikinyarwanda
Ikinyarwanda cya Gihanga.

Urubyiruko rw'ubu mu
rarutsikamira
Mukarukoresha uko bidakwiye,
Abato nabo bakabigana
Mushyiremo imbaraga nk'izi
isata,
Mubungabunge ururimi gakondo.

Wowe nawe wasekewe
n'amahirwe,
Ukavukira mu gihugu kigira
ururimi
Ururimi rwuje ubunga
Ubuhanga bukubiyemo inganzo
Inganzo ikaganza izo zindi.

Ni mucyo twese dufatanye
Ikinyarwanda tugihe umwanya
Tugisigasire igihe cyose
Twirinde kucyonona
Ejo tutazaba nka kagahugu.

Iyo mu mashuri kigishwe abana,
Mu ngo iwacu bibe bityo
Ahariho hose tugikoreshe

Imvugo ikocamye tuyite rwose,
Kuvanga indi tubyange cyane.

Abanyarwanda bakinywe mu mazi
Abanyarwanda bacyonke bakivuka
Abakuru nabo bagisigasire
Bagisige urubyiruko bo kabyara,
Impumuro yacyo isakare hose.

Wajya hehe wapfa uruhe?
Ushaka guta umuco wawe,
Ushaka guta ururimi rwawe,
Ikinyarwanda cy'Abakurambere
Aricyo muzi w'ubumwe bwacu.

Nzakuvuga mu Rwanda kavuka
Nkuvuge muri Afurika,
Nkuvuge mu isi yose
Utakuzi akumenye rwose
Ukunde kandi rwose.

Reka nsubikire aha nyabuneka,
Saha izi burije
Imana ibarinde umwanzi
Rurema abarinde icyago
Ikinyarwanda cyiborose.

***NIYIGENA Vanessa***

## TUNOZE URWACU RUHABE INGANJI

Nteruye nigabye mu nganzo,
Ngo noze wa murage gakondo
Nkomeze inkumburwa mu nganji
Umurage twarazwe na Gihanga
Se w' abasekuruza b' i Gasabo.

Ndavuga u Rwanda igihugu cyacu
Nkavuga ndata ururimi rwacu,
Rutuma twitwa Abanyarwanda
Ngakura ndata ubwo bunyarwanda,
Nkumva ntuje mu Banyarwanda.

Nidusogongera ku ntango,
Ndavuga umwimerere gakondo
Ikinyarwanda umurage wacu,
Ingobyi iduhekeye hamwe twese
Mu muco ubumbatiye uru Rwanda.

Ururimi rwacu ruraduhuza,
Ni yo mpamvu yo kurunoza
Ngo ruganze mu barutuye
Uruvuga wese aruvuge neza
Ururimi rwacu ruhabe inganji

Murashishoze baturarwanda
Musigeho kandi ibyo kurupfobya

Ruvugwe neza aho rukoreshwa
Hato rutaza guta agaciro
Ni ingobyi ihetse umuco nyarwanda.

Rwanda rw' ejo mugane ishuri,
Mujye mushishikariza abandi
Kuvuga neza iki Kinyarwanda
No kujya wandika unoza injyana
Ni bwo kiryohera abakibwirwa!

Tuvuga za ndimi z' amahanga
Nazo ni nziza turazishima,
Ziduha ubwumvane n' amahanga
Mureke rero tutazivanga,
Dore ko abenshi zinaducanga.

Burya abayobozi baradukunda
Baduhugura tukabashima
Ba ntabyera abo turabazi
Bamwe bavanga izo ndimi ntazi
Kuzisobanura bitugora.

Nyamara ururimi ni cyo gihango
Ni rwo twahawe na Gihanga,
Utavuga urwacu ntaho tumuzi
Ntiyaba yitwa umunyarwanda
Yaba yitwa umunyamahanga.

Umwana uvuka avuga atavanga
Yakura agenda akavuga data,
Aboneza ashoye ashoreye inyambo
Akavuga imyoma, akavuga imyato,
Mu Kinyarwanda umurage wacu!

Kinyarwanda murage mwiza,
Turagusangira buri munsi
Tukanasurana buri teka
Ngaho rero kinozwe neza,
Ururimi rwacu ruhabe inganji.

Nkomeje ntsindagira iri jambo,
Ryo kunoza neza iki Kinyarwanda
Abajya bavanga muhave rwose
Ururimi twemezemo abahanga
Kuko rugwijemo n' abahanzi.

Bamwe batanga amakuru meza,
Nimuyatange muvuga neza
Kuko abayumva nitwe bireba,
Iyo rero ubwo muyavanze,
Uba utemye ishami yicayeho!

Nimusizanire umuco wacu,
Hato udacika mu rwa Gasabo,
Mwere kwijana muhemuke
Muhemukira abakiri batoya
Mutwika ingobyi y' umuco wacu.

Rurimi rwacu rw' Ikinyarwanda
Wowe mubyeyi w'
Abanyarwanda,
Ukaba umusangiza w' amagambo
Ukaba ishingiro ry' umushinga,
Ngo ejo hazaza tugire ijambo.

Komeza unozwe n' abarutuye
Bavuge cyane bashize amanga

Banarutoze n' abakivuka,
Umuco wacu ukomeze uganze,
Ururimi rwacu ruhabe inganji.

Ngaho ganza rurimi ndata,
Ngobyi iduhekeye umuco wacu,
Abavuga ibyivugo n'amahamba,
Imigani, ibisakuzo n' indirimbo,
Babivuge bemye bafite ituze.

Ambanye menshi sinyashoje,
Reke nyacumbikire aha ngaha
Umwanzi w'ibihe ni amasaha,
Tunoze urwacu ruhabe inganji
Ruhabe inganji iganje i Rwanda.

***NYIRAHABUHAZI Solange***

# URURIMI INGOBYI Y'UMUCO

Mpanitse inganzo ngamije ingingo,
Ndata ingobyi y'umuco wacu,
Rurimi rwacu ngobyi iduhetse,
Ngobyi iduhetse horana ibyimbo,
Uganze hose no mumahanga.

Ururimi rwawe Rwanda rwacu,
Ni rudasumbwa no mumahanga,
Ni rwo murage uduhuza twese,
Twarazwe twese nk'Abanyarwanda
Ngo dusigasire Ikinyarwanda.

Nakuze nkunda ururimi rwacu,
Nakuze nkunda umuco w'iwacu,
Nakuze ntozwa ibi bya Gihanga,
Nakuze ntwaza iki Kinyarwanda,
Nakuze ntwama ibyo by'imahanga.

Njya mbona ibi bita iterambere !
Bitera abato guta iby'iwabo,
Ngatakamba ntakambira uwiteka,
Njya mbona ubusirimu busitaza
Benshi bukabatera guta umuco.

Oya ntidukwiye guta umuco
Ngo twangize ururimi rwacu
Twiyuzuza imico y'ahandi
Imico y'ahandi burya irahanda
Twekwiyica duca iby'iwacu.

Banyarwanda izo mvugo z'imihanda,
Twiyemeze tuzite iruhande
Kuko si iz'abahanga rwose
Twite kubya Gihanga twese
Wahanze ingobyi y'umuco wacu.

Twicare mu gacaca Rwanda
Dusase inzobe nk'Abanyarwanda
Dusangire isano y'Ikinyarwanda
Duhuriyeho nk'Abanyarwanda

Duhamye ipfundo ry'Ubunyarwanda

Izi ndimi twiga aha mu mashuri
Igifaransa ndetse n'izindi
Zishyigikira umubano mwiza
Hano ku isi dutuye twese
Ntizikwiye kuganza urwacu

Abakurambere b'intwari
Bitanze batizigamye
Biduha inkubito turihuta
Nkawe mujyambere w'ejo heza
Ni iki uzasigira uru Rwanda

Banyarwanda duhuje isano twese
Twimike ikiduhuza twese
Twimure ikidutanya twese
Duhamye ipfundo ry'umuco twese
Turi bene Kanyarwanda twese

Utazi isoko avoma hehe?
Utaye umuco we azaca hehe?
Hano i Rwanda ururimi rwacu
Intara zose zigize u Rwanda
Arirwo ruhuza bene u Rwanda

Ubunyarwanda buratubera
Ubu turambara tukaberwa
Nkatwe abana b'Abanyarwanda
Dufata iya mbere mu kurwanya
Ba rushenyi b'ingobyi yacu.

Shuri nashotse nkiri mutoya
Nkamenya ubwenge nkiri mutoya
Nkamenya kubaha Ikinyarwanda
Nkamenya kubaha umuco wacu
Umwe dusangiye Banyarwanda.

Rurimi ngobyi y'umuco wacu
Umuco w'ubupfura tuwutwaze
Umuco w'umugayo tuwutwame
Umuco wo kwiyubaha uwo uganze
Haganze umutima w'ubutwari.

Ntaw uhezwa azira uko ateye
Ntawe uhezwa azira uko areshya
Mu muco wacu wa Kinyarwanda
Aho dusangira twisanga
Twese twagose ya ntango.

Dukunde twese ururimi rwacu
Ni umuhuza wacu twese
Ni imbonezamubano ishobotse
Ni ubuzima tubayemo bwiza
Kuko nirwo ngobyi iduhetse.

Muri byinshi nabonye i Rwanda
Kirazira yacu yaranze u Rwanda
Tugira ubumwe nk'Abanyarwanda
Biba mu muco wacu nk'Abanyarwanda
Ngiyo intango y'Abanyarwanda

Ururimi rwacu ruraduhuza
Abanyarwanda tukaba umwe
Mpatse ibihugu iyo itaraza
Ngo itangire ibice maze bicike
Umuco wacu urakendera.

Dusigasire ururimi rwacu
Niba twiyemeje iyo ntego,
Ntitugatane ngo dutezuke
Duhamye ipfundo ry'umuco,
Duhamye twembi inzira iduhuza.

Ndasiga nsigira urwa Gihanga,
Isura iracyari iya Kinyarwanda,
Ndi umusizi usiga asukuye
Ukunda ururimi n'umuco wacu
Gasizi ka sinzi tuzasubira.

*UWAMAHIRWE Sarah*

## INGOBYI IHETSE UMUCO NYARWANDA

Ndamukanye intero yuje ubwuzu
Nserukanye inganzo yuje ubwenge,
Nteruye iyi intero yuje ubwiza
Ntera intambwe iyo izira ubwoba
Ngo ntegere u Rwanda urugori rwera.

Nimumpe akanya mfate iri jambo
Nimumpe akanya ngane iyi nganzo
Nimumpe akanya mvugire u Rwanda
Nimumpe akanya nseruke nemye
Nshime Rugira unteje intambwe.

Abanyarwanda b'aha i Rwanda
Ni bo bakunzi b'Ikinyarwanda
Ni na cyo rwose kiduha kwanda
Umuco wacu ukazira umwanda
Tukaba mu rwiza rwa Gihanga.

Ururimi rwacu ruraduhuza
Tuvuga rumwe tukanahuza
Imico yacu rukayihuza
N'iyo duhuye n'ibidutanya
Rukaturinda gutatana.

Inganzo ngari y'Abanyarwanda
Abasizi beza b'aha i Rwanda
Ubuhanzi bwose, imbyino nyarwanda
Ubuvanganzo bwose nyarwanda
Ni ubukomoka ku Kinyarwanda.

Indangagaciro za kinyarwanda
Na zo dusanga mu Kinyarwanda
Ni zo zituranga iwacu i Rwanda
Ni wo muco wacu nk'Abanyarwanda
Tuzira icyasha ndetse n'umwanda.

Aho tugenda iyo mu mahanga
Na ho dusangayo ibyo bihanda
Ntiduta rwose umuco uduhanga

Umuco mwiza ni wo uturanga
Ikinyarwanda ni cyo kirango.

Cyo nimundeke nshire amanga
Singombwa rwose kugira ibanga
Mu gihe nshima ibi biduhanga
Kirazira ntabwo izo zituranga
Zimwe dusanga mu Kinyarwanda.

Dore mu misango kirakoreshwa
Gitomorwa n'abagasheshe
Abaririmbyi bakanyigimba
Ubukwe bwiza tukabutaha
Umuco mwiza ubwo ugasagamba.

Uko dusobanukirwa amateka
Inyandiko zayo mu Kinyarwanda
Ni ko tugenda tunazibika
N'aya magingo zigakoreshwa
Ni ko umuco wacu na wo udacika.

Erega Abanyarwanda ni n'abahanga
Ibyo babikesha iki Kinyarwanda
Bashakashaka bakanahanga
Bakanagenda iyo mu mahanga
Bakaza n'abo banyamahanga.

Ikinyarwanda umurage wacu
Twarazwe n'abakuru bacu
Bahanga u Rwanda baruha kwanda
Bakagitoza na kanyarwanda
i rwa Gasabo kiraturanga.

Imvugo zipfuye izo z'imihanda
Zimwe zivanga urunyamahanga
Zikanashobera abanyamahanga
Tuzibukire kuvangavanga
Tuvuge neza iki Kinyarwanda.

Ikinamico tujya twumva
Firimi zitwa ngo ni nyarwanda
Umuziki, ngaho imikino myinshi
Ababishinzwe bafate ingamba
Bite cyane ku Kinyarwanda.

Ibyapa bigwiriye ku mihanda
Aho dusanga izo ndimi zindi
Wagira ngo ho si mu Rwanda
Icyongereza n'Igifaransa
Oya, Ikinyarwanda nigikoreshwe.

Ibinyamahanga ntibituganze
Ikinyarwanda ngo tukivange
Aho kwita ku byo dutunze
Ngo inyandiko zacyo zinozwe neza
N'abo tubyaye banagitozwe.

Agahugu katagira umuco wako
Barawuciye ngo karacika
Umuco wacu ni ko gaciro
Ntugacuyuke turebera
Ntugacike ngo tubishime.

Nsohoje iyi nganzo ngishize
amanga
Nkishimangira nshize ubwoba
Ko Ikinyarwanda ari wo musingi
W'ishema ryacu ari ko gaciro
Tunoze neza ururimi rwacu.

Ndashima uwo nkesha iyi nganzo
Ndashima kandi urwatubyaye
Ndashima ndetse n'abaruhetse
Inteko y'Umuco iwuha kwanda
Nyagasani aganze mu
Banyarwanda.

***Yari umusizi usiga ashize amanga: UWINEZA Naome***

## TUNOZE IKINYARWANDA INGOBYI Y'UMUCO

Mfashe uyu mwanya mfite iyi
ntero
Yo kubasangiza ku isoko
Ngo maze twibuke umuco wacu
Tuvuga neza ururimi rwacu.
Ngobyi iduhetse twe
Abanyarwanda.

Cyo reka nanzike nshize amanga
Bityo turebe mu Kinyarwanda
Ngobyi iduhekeye umuco wacu
Nicyo gihango cy'Abanyarwanda
Horana iterambere rirambye.

Ikinyarwanda cy'Abanyarwanda
Niwo musingi w'Abanyarwanda
Rurimi rwacu ngobyi iduhetse
Tuvuge neza icyo Kinyarwanda
Kuko ejo heza nitwe hareba.

Rubyiruko twebwe tw'ejo heza
Umuco utoye ico ntibisanzwe
Ikinyarwanda cyo kiracitse
Kubwo gutora imvugo zipfuye
Mureke twigarure dutoze

Abato b'ejo umuco udacika.
Ubu abakecuru n'abasaza
Ntibakironka izo mvugo z'ubu
Umuco wacu dore uracitse
Kubwo abatoya batagikenga.

Dore mukunda indimi z'ahandi
Mukazivanga n'Ikinyarwanda
Mukakizambya muvuga nabi,
Nazo ni ngombwa ko zikoreshwa
Ariko ntuce umuco wasanze

Ngo ugume ahandi iyo kure cyane.
Ariko noneho ntiburira
Mureke twicare mu gacaca
Dukore inama y'umuco wacu
Imvugo yacu mu Kinyarwanda

Ihore iteka ihamya igihango.
Ikinyarwanda ngobyi iduhetse
Niyo kavukire n'amasoko
Niyo gakondo y'Abanyarwanda
Kura usagambe ngobyi iduhetse

Ogera iwacu no mu mahanga.
Ugukuyakuya umuco wacu
Ikinyarwanda ururimi rwacu
Imvugo ipfuye ntituyishaka,
Kuko iturandurira gakondo

Abato babyirukana itoto
Bagakoresha iyo mvugo ipfuye.
Reka tuyamagane mu rwacu
Itaturandurira gakondo
Umuzi wacu bakawumunga

Ejo ugasanga umuco uracitse
Kubwo kutwicira Ikinyarwanda.
Imvugo ikwiye mu banyarwanda
Niwo musango w'ubumwe bwacu
Uko duhuye twe Abanyarwanda

Tugasuhuzanya nk'ibisanzwe
Biduha ituze mu banyarwanda.
Imbyino zacu zo ntizicike
Ugutabarana kuturange
Ni wo musingi w'Abanyarwanda.

Inka z'inyambo dufite iwacu
Ndetse inzu ndangamurage zacu
Zijya zitera abanyamahanga
Kugana iwacu barora ibyiza
By'umuco wacu ngobyi iduhetse.

Mu Kinyarwanda kinoze neza
Dufite inyajwi mu Kinyarwanda
Hakaba ingombajwi dukoresha
Ndetse ibihekane turabizi,
Harimo kandi uturemajambo

Nyuma hakaza ubuvanganzo
Muri rubanda ndetse nyabami,
Niho dusanga ibisigo byinshi
Imigani kandi ndetse amahigi.
Tugira n'inshoberamahanga

Hakaba ikeshamvugo iduhetse
Amasaku nyejuru ndetse nyesi
Ikidutera kuvuga nabi
Ikinyarwanda ngobyi iduhetse
Kiratumungira iki tureba?

Mureke twandike uko bikwiye
Gusoma kandi kuvuga neza
Amazina kandi interuro zacu
Bato bahire dufate umwanya
Wo kuba intwari ku muco wacu.

Cyo reka nanzure iyi naseye
Amasegonda arashira ndeba
Ndarora isaha isiga abagenda
Tuvuge neza icyo Kinyarwanda
Umuco wacu ngobyi iduhetse.

*UWIZERA Asher*

# ISIMBI RUDASUMBWA

Nkomeje kwemeza mu nganzo
Mvuga amabanga mpishe amahanga
Tunoze twemeze Ikinyarwanda
Ururimi rwacu umuco ducanye
Umugisha wacu umwe usa
amasimbi.

Mpamije nambariye iyi nganzo
Nashize amanga mpange mpimbe
Mu kinyarwanda kimwe rukumbi
Ingobyi iduhekeye umuco rwema,
Ab'ejo bazi urwa Gasabo.

Nidusogongera ku ntango
Ndavuga umwimerere gakondo,
Ururimi kimeza ruturanga
Ingobyi yahetse umuco w'abacu
Ni wo utubumbatiye mu Rwanda.

Ururimi kimeza ruduhuza
Umuco gakondo ukanaturanga
Gwiza uganze mu barutuye
Abagana ishuri bamenye neza
Ko uri ishingiro ry'ahazaza.

Abasiga, abivuga n'abahimbyi
Abahiga, abiruka n'abagenzi
Abakozi, abisuma n'abahanzi
Tumenye inganzo y'Ikinyarwanda
Ingobyi iduhetse hamwe
rukumbi.

Rwanda rw'ejo abagana ishuri
Ishusho dushishikarize abandi
Tunoze twandike Ikinyarwanda
Mvuge biryohe bigire injyana
Kuko dukwiye kubyigana.

Tuvuga  za ndimi z'amahanga
Na zo ni nziza turazishima
Ziduha ubwumvane n'amabanga
Zikaduhuza twe n'amahanga
Tukanagendana n'abahanga.

Ariko abenshi ziratugora
Akenshi benshi barazivanga
Kuzisigura bikaba imvaho
Imvano yabyo iyobera abantu
Imvugo y'imvange ikabura icyanzu.

Ntabwo nshyaniriza ab'ishyanga
Ntabwo ndengeje ingohe incanda
Ahubwo abigize inzirakumva
Ntibasobanuza n'amateka
Y'Ikinyarwanda ingobyi iduhetse?

Ndavuga ingingo nziguye intera
Ndavunya ihobe ihubi rihorwe
Ndeke ubugwari mvuge ubutwari
Mbwire za ntiti z'urutonde
Bavuge bimike Ikinyarwanda.

Ni wo musingi ubu twisunga
Ni na cyo zingiro rya byose
Ni na cyo ndengera ndembera
Kizira icyasha n'icyagane
Nyirumuryango uhamije intego.

Ngobyi iduhetse rurimi ndata
Ibigega ugwije bizira inkuna
Amazi uvomwa agahora isoko
Gahore usuma udusabanya
Usase dusingize uwaguhanze.

Ntimugakure mu rugerero
Rera abo uzahore urugerero
Urugero rwawe ni rwo rukwiye
Uruharo rwawe ni rwo dushaka
Uruhare rwawe tukarushima.
Rera imitoma itazima itambe
Nyir'umusanzu ngusabe usangwe
Aho utambutse utete ubutoya
Ujye uhora utoshye utete imitaga
Imitavu itambe mu Kinyarwanda.

Iyo ni inyanja ivuza umuvumba
Tube abasare dusabe twoge
Maze iyo nyanja tuyogoge
Dushire impumu dufate ingamba
Tujye urugamba tunarutsinde.

Uburezi ni inzira itujijura
Amakuru radiyo zitubwira
Na za nama dukora akenshi
Ya misango ivuga abasangwa
Nidukoreshemo ikinyarwanda.

Rurimi kimeza ruturanga
Ngumye gutemba i mutwe
imitaga
Ndeke amatage gato ngutake
Tetero utuze ngutume utunge
Rugero rwogeye urugerero.

Rurimi rwiza ruhamyanganzo
Rumuri rwemeje ubushishozi
Ubyirutse twese ibihangange
Ukaba igicumbi gicuna ituze
Sugira usingizwe urabikwiye.

***YIZERE Josee Sandrine***

# UMUSOZO

Imivugo ikubiye muri aka gatabo yahimbwe mu rwego rw'amarushanwa ariko yasembuye amatsiko menshi mu bakunda ururimi rw'Ikinyarwanda. Hari abatari bake bumvise imwe muri yo ubwo yavugirwaga mu ruhame bifuzaga kuzabona n'indi yahimbwe n'abanyeshuri. Amatsiko nashire. Inteko y'Umuco muri iki gitabo yabahaye umwanya wo gucurura ku nganzo bari basogongeye. Iki gitabo gikungahaje Ikinyarwanda ariko ni n'ububiko bw'ubuhanga bw'abakiri bato bateye ikirenge mu cy'ababanjirije. Nibakomereze aho. Ubuhanga bagaragaje ni ikimenyetso cy'uko nta gushidikanya ko no mu minsi izaza ururimi rwacu ruzahorana abarukungahaza, abarukesha mu mvugo n'abarutoza abandi.

Abahimbye iyi mivugo baracyari bato. Ni gihamya ko uko bakura bazarushaho gucengera ururimi no guhamya ibirindiro mu nganzo batoye. Abanyarwanda twese, abanyeshuri, abarimu, abarezi namwe abasomyi, igihe ni iki. Ikinyarwanda kitubere inzira yo kugaragaza ibyo twivumva.

**INTEKO Y'UMUCO**

Huye, SH1 RD2

Agasanduku k'Iposita: 6397 Kigali

Inteko y'Umuco: